



**MINISITERI Y'UBUHINZI
N'UBWOROZI**



**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA
IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**



Investing in rural people

IMYOROROKERE Y'INKA NO KUVUGURURA ICYORORO



AGATABO K'UMWOROZI

Rwanda Dairy Development Project (RDDP)



**Aka gatabo kateguwe
n'umushinga ugamije
guteza imbere ubworozi
bw'inka z'umukamo mu
Rwanda (Rwanda Dairy
Development Project:
RDDP)**



IGICE CYA 1

UBWOKO BW'INKA ZITANGA UMUKAMO



Firizone (Friesian)



- Zifite inkomoko mu gihugu cy'Ubuholandi zikunze kugira umukondo muto n'urwakanakana rugufi
- Zikunze kugira ibara ry'ikibamba kandi zigira umubyimba munini



- Imbyeyi ipima hagati y'ibiro 550 na 700 mu gihe ibimasa birenza ibiro 1,000.
- Ni inka izwiho kugira umukamo mwinshi kurusha izindi z'amata, ariko nayo ikenera ibyo kurya byinshi
- Inka nkuru ishobora kurya ibiro 50 by'ubwatsi ku munsu.

Jerise (Jersey)



- Niyo nto mu moko y'inka z'amata: imbyeyi ipima ibiro hagati ya 380 na 450.



- Amata yayo agira amavuta menshi, bakunze kuyita “amata y’umuhondo”. Ikindi ikunze kwihanganira indwara zigaragara mu Rwanda kurusha izindi nka z’amata.

Burawuni Swisse (Brown Swiss)



- Ikomoka mu bu Suwisi ikamwa amata menshi (ikurikira Firizone),
- amata yayo aba afatiriye (akomeye) arimo amavuta na proteyine bituma yavamo foromaje nziza.



- Ibasha kwihanganira kuba ahantu hakonje, ahashyushye ndetse no mu misozi miremire

Sahiwali



- Niyo igira amata menshi mu nka zirangwa n'ipfupfu rinini

IBINTU BITUMA UMUKAMO WIYONGERA

(1) Ubwoko bw' inka



Ubwoko bw'inka bugira uruhare runini mu kwiyongera kw'umukamo wayo.

(2) Imiterere ya buri bwoko bw' inka



Buri nka igira imiterere yihariye n'ubushobozi bwo kuba yakongera umukamo kimwe n'intungamubiri ziri mu mata.

3. Umubare w'imbyaro




Iyo inka ibyaye bwa mbere igenda yongera umukamo kugeza nko ku nshuro ya kane, arinaho umukamo utangira kugenda ugabanuka kugeza ku nshuro ya karindwi aho umworozi aba agomba kuyivana mu bworozi. icyo gihe iba igejeje nibura imyaka icumi.

4. Imirire y'inka ikamwa



- Imirire y'inka igira uruhare rukomeye mu kuba umubiri ugira ubushobozi bwinshi cyangwa bucyeye mu gukora amata.
- Inka igomba kugaburirwa indyo yuzuye kugirango ibone ibitunga umubiri n'ibyo ikoresha amata

5. Ikirere



Mu gihe cy' ubushyuhe burengeje
(20°C - 30°C) ku nka zitanga umukamo
habaho kugabanuka kw'umukamo.

IGICE CYA 2

IMYOROROKERE Y'INKA Z'UMUKAMO

Intego y'umworozi ni uko inka ye ibyara buri mwaka, ibi bikaba bishoboka ari uko akurikiranira hafi imyororokere y'inka ye. Imyororokere y'inka ikubiyemo byinshi ariko ku ikubitiro, umworozi agomba kumenya ibimenyetso by'inka yarinze kugirango abashe kumenya igihe cyo guteza intanga.

IBIRANGA INKA Z'ICYORORO



- Muri rusange, mu guhitamo inka yo korora hibandwa ku nka zikomoka kuri za nyina zifite amata menshi, inka zima vuba, inyana zifite igikuriro cyiza.
- Inka nziza ni ibyara buri mwaka.



AMAKURU Y'INGENZI KU MYOROROKERE Y'INKA

IGIKORWA CY'IMYOROROKERE Y'INKA	IGIHE
Igihe iba ishobora kwima/ kwimya bwa mbere	Ikimasa: Amezi 18
	Inyana: Amezi 18
Igihe ihaka	Amezi 9
Igihe ikamwa	Amezi 10
Igihe yakongera kurinda igihe itafashe	Iminsi: 18 - 24
Igihe yabangurirwa nyuma yo kubyara	Amezi: 2 - 3
Intera hagati y'imbyaro ebyiri	Amezi: 12
Igihe ishobora konsa (gucutsa)	Amezi: 3 - 6
Igihe wayivana mu bworozi ishaje (Kuvugurura)	Imbyaro: 10
Ikigereranyo cy'imfizi ku nkazibyara	Imfizi imwe/inka: 35
Igihe cyo gukona akamasa	Amezi abiri kavutse

Icyitonderwa

1 Igihe umworozi ahawe cg aguze inka adaftiye amakuru ahagije agomba kuyikuraho icyororo yifuza binyuze mu guteza intanga

● Igihe itungo ribangurirwa

● Inyana y'in yarwanda: imyaka itatu, ifite ibiro hagati ya 200 na 250.

● Inyana yi cyimanyi: hagati y'amezi 22 na 24, ifite ibiro hagati ya 250 - 300.


● Inzungu yuzuye: hagati y'amezi 18 na 22, ifite ibiro hagati ya 300 - 400.



● Nyuma yo kubyara:


Si byiza kubangurira mbere kuko umura uba utararuhuka bityo bigatuma inka idafata cyangwa ikaramburura.

● INGENGABIHE Y'IMYOROKERE



● Kurinda kw'inka

- Ni igihe inka ibaigaragaza ibimeneyetso by'uko ishaka kubangurirwa



- Biba kunka zigejeje igihe kandi zidahaka

- Igihe cy'umurindo kimara hagati y'amasaha 6 na 30



- Inka yarinze irabangurirwa, iyo idafashe yongera kurinda mu gihe cy'iminsi hagati ya 18-24

● Ibimenyetso by'inka yarinze



- Inka ibura umutuzo ,irabira cyane nkaho hari icyo yabuze (nk'ubwatsi, amazi.....).

- Inka izana izimyí / umurindo, Inka igabanya umukamo, cyangwa ikanga gukamwa.



- Iyo iri kumwe n'izindi irazurira cyangwa ikurira umuntu uje mu kiraro, Inka iganga buri kanya.



Icyitonderwa

Ibimenyetso by'inka yarinze byiyongera cyane ninjoro, ni byiza kugenzura inka yarinze mu gitondo, ku mugoroba cyangwa ninjoro

Inka imarana umurindo amasaha 12, ni byiza kuyitera intanga byibuze bitarenze amasaha 9 igaragaje ikimenyetso cya mbere cyo kurinda.

● GUTERA INKA INTANGA




- Guteza intanga ni byiza kuko intanga ziba zakuwe mu mpfizi za kijyambere zuzuye, zizwi inkomoko, n'umusaruro w'izizikomokaho.
- Nta ndwara zikwirakwizwa mu matungo iyo wateje intanga.
- Kuvugurura ubwoko bw'amatungo birihuta.

- Umworozi nta gihombo cyo worora impfizi agira.
- Bifasha gukora gahunda y'imyororokere, kuburyo agena igihe ashaka ko inka ye ibyarira.


● ZIMWE MU MPAMVU ZITUMA INTANGA ZIDAFATA

Hari impamvu zitandukanye zituma intanga zidafata, zimwe muri zo ni: **kutamenya ibimenyetso nyakuri by'inka yarinze, ndetse n'indwara zifitanye isano n'imyorerokere.**



● URUHARE RW'UMWOROZI KUGIRANGO INTANGA ZIFATE

- Umworozi agomba kuba afata neza inka ye : kugabura indyo yuzuye kandi ihagije, ikiraro cyiza, kuyirinda no kuyivuzza.



- Gukurikirana inka ye igihe cyose kuburyo amenya igihe nyakuri inka yarindiye.
- Agomba kuba azi ibimenyetso by'inka yarinze.

● GUSUZUMA KO INKA YAFASHE NYUMA YO GUTERWA INTANGA



Iyo inka itongeye k u g a r a g a z a ibimenyetso byo kurinda ku munsi wa 18-24 nyuma yo guterwa intanga.

Ku munsi wa 18-24, umworozi agomba gukurikirana neza akareba ko inka ye itagaragaza ibimenyetso byo kurinda.

Iyo inka ihaka, nta kimenyetso na kimwe izagaragaza.



Nyuma y'amezi 3 inka yimye, umworozi agomba gusaba umukozi wabihuguriwe akamusuzumira ko inka ye yaba yarafashe kugirango ayifate neza nk'inka ihaka cyangwa yongere kuyibangurira bidatinze.

Hari impamvu nyinshi zatuma inka itororoka neza nk'uko bikwiriye, muri zo harimo:

- Kugabura nabi igatinda kurinda (ntibyare buri mwaka)
- Ikiraro kibi, gifite umwanda, ibindi cyangwa byose bibangamira itungo.
- Umworozi udasobanukiwe iby'ubworozi.
- Impamvu karemano twavugamo **Ubugumba, Ubumuga, indwara (urugero: amakore).**

Ibindi bintu umworozi yitaho mu gihe yoroye inka ye

Kwita ku nka ihaka



Muri iki gihe, inka iba ikeneye kwitabwaho by'umwihariko itegurwa kuzabyara neza no gutanga umusaruro ukwiriye (amata).



Ni ngombwa kwitwararika mu gihe inka ihaka ihabwa indyo yuzuye.

Hirindwa gutanga imiti ishobora kura mburuza. Imwe muri icyo miti ni icyo mu bwoko bwa Koritikoyide (corticoide) ndetse n'indi miti imwe nimwe mu yica inzoka zo mu nda.

Ni byiza kubaza umuganga w'amatungo mbere yo gukoresha imiti ku nka zihaka.

Inka igomba kandi kubona umunyonyu wo kurigata.



Iyo hatatanzwe umunyu uhagije haba ingorane. Biba cyane ku nka zikunze kugira amata menshi.


(Tuvuge nk'izirenga litiro 25 ku munsi, zishobora kugira ikibazo cyo kubura umunyu wa kalisiyumu (calcium) mu mubiri, zamara kubyara zikagandara, bishobora no kuziviramo gupfa.



Kwita ku nka iyo ibyara




Ibimenyeshya ko inka iri hafi kubyara



Ni ngombwa ko umworozi akurikirana amatungo ye mu gihe cyo kubyara kugirango yirinde. ko hari itungo ryagira ikibazo igihe cyo kubyara bikaba byamuteza igihombo.

- Itangira kwerera.
- Mu nda y'amaganga hatangira kuvamo ururenda rwinshi.
- Kuba inyana iri hafi gusohoka ubibwirwa no kumeneka kw'isuha.



- Iyo isuha imaze kumeneka haza inkoni.
- Inkoni ni amaboko y'inyana. Ashobora no kuba amaguru kuko nabyo bibaho.
- Inkoni ni cyo gice cya mbere cy'inyana igiye kuvuka kigaragara hanze.
- Iyo inkoni zigaragaye, ibise birushaho kwihuta.
- Iyo byose bigenze neza, inka yibyaza batagombye gukurura inkoni
- Iraryama nyuma igasunika n'ingufu nyinshi kugeza inyana isohotse.



Uko bitwara iyo inka ifite ibibazo mu gihe ibyara



- Iyo inka irimo kubyara igenda igira imbaraga nke.
- icyo gihe usobanukiwe ibyo kubyaza arayifasha.



- Agomba kubanza gukaraba neza akoresheje isabune cyangwa imiti y'isuku.
- Afata inkoni ndetse akinjiza ikindi kiganza mu nda y'amaganga.
- Ni ngombwa ko ukora munda y'inka abanza kwambara uturinda ntoki (gants) twabigenewe.



Uko inka isunitse nawe akurura inyana aganisha hasi. Bibaye ngombwa agobotora umutwe waberamye cyangwa inkoni zikunje.

Byose bigomba gukorwa ku buryo adakomeretsa inda ibyara. Ibi

KUNANIRWA KUBYARA

Hari igihe usanga ikibazo kibuzza inyana gusohoka gikomeye.

Ushobora no gusanga kitakemurwa n'umushumba cyangwa umworozi ubwe, cyangwa umujyanama w'ubuzima bw'amatungo. Bavuga ko inka yananiwe kubyara.






Kunanirwa biterwa n'impamvu nyinshi zirimo:

- Kubura cyangwa gukabya ibise. Kugira amatako afunganye Bishobora no kuba inda y'amaganga nto
- Bishobora kuba gukika cyangwa se inyana nini cyane.
- Inyana ishobora kuba ari iteye nabi (Malformation) cyangwa yapfiriye mu nda.

UBURYO BUTANDUKANYE INYANA ISHOBORA KUBA IMEZE NABI MUNDA



Iyo inka inaniwe kubyara, umworozi n'abashumba cyangwa umujyanama w'ubuzima bw'amatungo birinda guhatiriza kuyibyaza bakurura uko babonye kandi batabisobanukiwe.



Si byiza ko batinda bagerageza kuyibyaza. Usanga ibabara kandi ntacyo bari buyimarire.

Ni naho bicira inyana mu nda cyangwa bakayinaniza. Ibyo biyiviramo ibibazo biremereye, ari nako bayanduza umwanda mwinshi mu nda yayo.



Aho kwiha kubyaza batabishoboye, bagomba ahubwo kurekera inka ibyara ahatuje.



Bahita bitabaza umuganga w'amatungo (veterineri) we aba afite ibikoresho, aba azi kandi uburyo yakemura ibibazo bitewe n'aho cyaturutse.

Mu buryo bukunze gukoreshwa harimo kugobotora inyana yakitse. Veterineri ashobora no gukuruza inyana imigozi iba iziritse ku nkoni z'inyana.

Ashobora no kubaga inka agakuramo inyana ishobora kuba ari nzima cyangwa yapfuye.

Ibikorera inka ikimara kubyara n'inyana yayo

Ibyo bakorera inyana ikimara kuvuka




Iyo inyana igeze hanze, bihutira kuyifasha guhumeka. Ibyo bituma ishobora gutangira ubuzima butari ubwo munda.





- Bayivana ivata mu kanwa, mu mazuru no ku mubiri
- Bayikorakora mu mazuru
- Bakurura ururimi buhoro buhoro, bigatuma ihumeka vuba kurushaho.
- Ahanini umukondo uhita ucika, uramutse utacitse bahambira akadodo ahantu habiri ku mukondo bagakata hagati.
- Ubwo inyana ishyirwa ahasusurutse, hashashe icyarire cyiza.
- Na nyina iraza ikayirigata.
- Nyuma gato bagomba kuyireka ikonka umuhondo, cyangwa bakawuyikamira.



Ibyo bakorera inka imaze kubyara no kuyitaho mu minsi ikurikira

Iyo inka imaze kubyara, igomba kwitabwaho cyane kugirango niba hari ikibazo yagize mu gihe cyo kubyara gikurikiranwe vuba na bwangu kitarakomera.





Bimwe mu bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

- Kureba niba itava amaraso menshi, bishobora kuba byatewe n'uko yakomeretse. Haramuka hari ikibazo cyo kuva cyane hagasuzumwa icyabiteye bigahagarikwa vuba.
- Iyo byose bimeze neza, inka bayishyira ahasusurutse n'iyayo, ubwo bategereza ko ita umuziha.
- Umuziha wagombye gutakara mu masaha atarenze umunani nyuma yo kubyara. Iyo birenze icyo gihe, veterineri avanamo umuziha n'intoki.



- Ikindi bakurikiranira hafi ni uburyo inka igenda ifuma mu minsi ikurikira kubyara. Ubusanzwe igenda ita ibisandurira biva mu nda ibyara. Bigenda biba bike kandi ukabona igenda igarura ubuyanja.
- Hari ubwo ibisandurira bidakama. abona bigenda birushaho kuba amashyira kandi binuka. icyo gihe ubona inka ibabara igenda ihese umugongo kandi igira umuriro mwinshi.
- Akenshi ibura amata. Ubwo nibwo bahita bakeka kurwara umura.

- Veterineri agomba guhita ayivura akoresheje imiti yabugenewe, ishobora guterwa mu mubiri cyangwa mu Mura.
- Inka yabyaye ikamwa umuhondo icyumweru kimwe, nyuma amata akaba meza.





kwandika amakuru ajyanye n'imyororokere y'inka

Ni ngombwa ko umworozi / ushinzwe gutera intanga yandika amakuru yose ku myororokere kugirango byorohe gukurikirana inka iri mu bworozi, no kumenya ibyemezo bigomba gufatwa (urugero: ubwoko bw'intanga)

Ni ibiki by' ibanze byandikwa ?

Amakuru yandikwa n'umworozi

N° y'ihereza	Izina ry'inka	Igihe yarindiye	Ibimenyetso	Igihe yongeye kurinda	icyongerwaho

Amakuru yuzuzwa na veterineri

N° y'isherena	Igihe yarindiye	Gutera intanga		Gusuzuma ko yafashe	
		ubwoko	itariki yatereweho	Igihe yakongera kurinda	Gusuzuma ko yafashe (PD)
00512RW	18/05/2019	Joh nk	19/05/2019	5-11/06/2019	24/08/2019

NI URUGERO

